# 410: Yesu, ni Wowe dushima

1. Yesu, ni Wowe dushima: Watuguz' amaraso yawe Cya gihe wadupfiraga. Imibiri n'imitima N' iyawe kubw'ubuntu bwawe Buduhay' ubukiriro. None tur' abawe—Kuko wadutoye;Tugushime,—Udukere, Mucyo wacu, Twe kuguma mu mwijima.

2. Twebwe si twe twagushatse : Ni Wow' ubwawe wadukunze Kubw' ubuntu bwawe bwinshi.Twebwe nta ntege dufite : Nta wabasha kugukorera, Utamuhay' imbaraga,Yobor' imitima !—Tujyane kwa Data Mu bwami bwe :—Ab'ukuri babushaka Ntibanga gusuzugurwa.

3. Garagaz' ubuntu bwawe Ku bataz' ubwami bw'Imana, Bigumiye mu mwijima. Kera kose ntibumvise Ubutumwa butunezeza Bukesh' imitima yacu. None, wategetse—Umucyo w'ukuri Ng'uboneke.—Mwami Yesu, tuyobore, Utwerek' inzira yawe.

4. Ibisarurwa ni byinshi, Abasaruzi ni bakeya: Tum' abagusarurira ! Duhatwe n'ubuntu bwawe Guhamagar' abantu benshi, Bahabw' ibyiza by'Imana. Uwemerwa wese—Mu bwami bw'Imana Arahirwa;—Anezezwa n'amahoro Azagir' iteka ryose.

Visit us at indirimbo.com